RWANDA RESONANCE

# UMURANGI

Rédacteur en Chef :
NTAWUYIRUSHINTEGE Boniface
(O. NT. B.)

Bimensuel
Indépendant
N° 035

8 Décembre 1993

B.P. 1036
Tél.: 7 2469

100 Frw

C.F.R.C.
B.P. 1313 - Kigali
RWANDA
DE RECHERCHE COOP

# Abasenyeri bo mu Rwanda nibatitonda ikibazo cya MDR na TWAGIRAMUNGU kirabambika ubusa



# Have KAREMERA Gaspard, wiyobora Imbaga y'abahinzi borozi mu nyuma z'abanyoni




Mu nimero ya 31 y'ikinyamakuru **Imbaga** hasohotsemo inyandiko yashyizweho umukono n'umuyobozi wacyo, Bwana KAREMERA Gaspard ikaba yariswe ngo **Poritiki nshya ya MDR icurirwa he?** Iyo umuntu ayisomye neza asanga ari inyandiko igamije kujijisha no kuyobya rubanda cyane cyane ko nyiri ukuyandika asa n'ushaka kwamamaza amafuti ya mucuti we TWAGIRAMUNGU wiyimitse akaba atetse ku ntebe z'inyonano kimwe no gusebya abayobozi ba MDR yirengagije ibyabaye muri ririya shyaka byose, akiyibagiza ko bamwe mu bo **Imbaga** yandikira bari mu birukanye TWAGIRAMUNGU muri MDR, ari nabo bari baramwimitse.

**Imbaga tuyumva gute?**

Ikinyamakuru **Imbaga** cyahagurukijwe ngo no kujijura imbaga y'abahinzi borozi, kikaba kiyobowe na KAREMERA Gaspard, inshuti magara ya TWAGIRAMUNGU n'inkotanyi **SENDASHONGA Seth**. Ahari ubanza aricyo cyagiye gituma ikunda kenshi na kenshi kubogamira ku bintu bidasobanutse by'ivangavanga ry'amayeri babeshya ngo ni uguhangana n'irondakoko bitiranya no kutavuga rumwe n'inkotanyi cyangwa **abatutsi** muri rusange.

Uwabaza rero iriya miryango ishyigikiye Imbaga ngo ikaba ihuriye mu nama isuzuma inyandiko zayo niba izisuzuma zose ubanza itamubonera igisubizo. Imbaga ni ikinyamakuru gishyigikiwe na **Centre Iwacu, Banki z'abaturage, ARDI-ITARA, Duterimbere, Duhamic-ADRI**. Mu bandi banyamakuru bari mu **Mbaga** hari NKURIYINGOMA J. Baptiste na KARAMBIZI Gratien, abahungu nabo batoroshye mu kuvangira abantu bitwaje ngo bahanganye n'irondakoko bitiranya no kutavuga rumwe n'inkotanyi.

**Kubeshya si byiza**

Inyandiko ya KAREMERA itangira abeshya ngo amagambo **pawa mputu** ngo yatangiye anasoza disikuru za KARAMIRA na MUREGO nyuma y'imyigaragambyo ya MDR mu mugi wa Kigali ku ya 5 ugushyingo 1993. Tukimara gusoma iriya nyandiko twihutiye gushaka kaseti twafatiyeho ayo madisikuru, tubura ayo magambo ngo **pawa mputu pawa mputu**.

Ntitwihutiye gusa kwamagana ibyo guhimbira umuntu icyo atavuze, ahubwo twashatse no kwibaza KARAMIRA w'umuhutu na MUREGO w'umuhutu baramutse bifuje ubutegetsi bw'**abahutu** n'ubumwe bw'abahutu, nkuko ngo ariya magambo ariko avuga, aho KAREMERA Gaspard yaribwa.

Mu kurimanganya kwe iyo yicaranye na SENDASHONGA, ba TWAGIRAMUNGU n'inkotanyi z'**abatutsi** ngo ziba zishaka gushyira imbere **ibihutu** by'ibinnyeteri ngo bibe ari byo bicagagurana n'aabandi, bafata ubumwe bw'**abahutu** bakabusobanura nabi ngo ubwo bivuga guhangan a n'abatutsi. Ubu se koko KAREMERA ko uri umugabo, waba iwawe ntakigenda noneho **en tant que père de famille** ukabanza kwigisha umuryango wawe kubana n'uw'abaturanyi?

Nuko rero bakajya bajya gutsurayo umubano umwe yavuyemo ijisho, yaciwe akaguru n'uwo bava inda imwe se, na **risques** z'uko rimwe bazabarwanira imbere byose bikaba umwaku? Ikindi usibye gushaka kujijisha ngo imbaga y'abahinzi borozi mwumvisha ko nta **muhutu** ugomba kumvikana n'undi, pawa **mputu** aho ntiyaba ibaye umuti wo kugusha neza **TIP (tutsi international power)**! Ahari KAREMERA yatubwira ati: icyo kintu sinkizi! Twamugira inama yo kuba yabaza umugore we kuko ashobora kuba TIP ayizi kurusha uko yiyizi.

Ko ntarabona se izo nzozi z'**abatutsi** umuntu atabura no guteganya ubugome buziherekeje ntacyo KAREMERA abwandikaho? KAREMERA ati: MDR ihanganye na Perezida wayo. Uwo TWAGIRAMUNGU nawe ati: abantu cumi ntibaniga umuntu umwe ngo ni demukarasi. Uriya mwanditsi w'Imbaga twari tuzi ko ibyabaye muri MDR byose abizi, ko TWAGIRAMUNGU yashatse kuyoborana igitugu n'ubucakura buvanze n'ubugambanyi, impiripmbanyi zikamwirukana muri kongere yabereye ku Kabusunzu ku ya 23 na 24 nyakanga kandi KAREMERA yakurikiranye bihagije, nkuko tubizi.

Gusa ingufu yari yarakoresheje, we na ba KAMEYA,

Page 3

ba SERUVUMBA n'abandi badusabaga n'ingufu nyinshi ngo kwamamaza TWAGIRAMUNGU ntizari gutuma yemera ko babandi bamwibeshyeho bakamutora babonye ukuri bakamwirukana.

**Mu mategeko agenga Ishyaka MDR**

# nta handitse ko abahutu bagomba guhora baryana

Mu kuvangavanga kwa KAREMERA aribaza aho poritiki nshya ya MDR icurirwa, nyamara icyubahiro Impirimbanyi zimuha iyo aje ku cyicaro cy'Ishyaka cyonyine kandi inshuro nyinshi cyari gikwiye kumwereka aho ariho, ari naho TWAGIRAMUNGU wanyonnye ibya MDR atinya gukandagira.

Ikindi.KAREMERA aragira ati:mu mategeko agenga Ishyaka MDR abayoboke baryo bashyizeho umukono ku itariki ya 1 nyakanga 1991 handitsemo ko biyemeje kubyutsa Ishyaka MDR PARMEHUTU bakarivugurura, rikitwa MDR. Ibyo ni byo rwose. Niko ingingo ya mbere y'ayo mategeko ibivuga.KAREMERA rero ati: uko iminsi yagiye yicuma iryo vugurura ntibaryumvise kimwe. Baryumva kimwe se gute Twagiramungu yarashatse guhakishwa ijambo "Parmehutu" ku nkotanyi ngo yumvishe abantu ko bavuguruye ishyaka ry'abahotozi ngo bishe inyenzi maze uzajya yumva ijambo **MDR PARMEHUTU** ajye aryumvamo ubwicanyi!Si poritiki y'abana b'abarunari se hari ubiyobewe! Ngo yo guhanagura amateka ya Révolution ya 59. Uzabeshe abahinde. KAREMERA ati: mu ngingo ya 4 ya stati iryo shyaka rigamije gushyira ku isonga, guharanira imibanire y'amoko y'u Rwanda mu mahoro, mu budasumbanya mu bwubahane, bigamije kugendera kuri Repubulika mu ituze, mu bumwe no mu busugire! Ngaho da! ubu se bivuga ngo MDR izaharanire imibanire y'abadahuje ubwoko gusa, naho abahuje ubwoko nk'abahutu, bahore bahigana?

Bazabana n'abatutsi gute? Niba hari abahutu babonye bidashoboka kubana n'abatutsi kandi bo hagati yabo baryana ahubwo ni mahire kuko twe dusanga ubumwe bw'abanyarwanda bwari inzozi, kuko byumvikana ko abatutsi batabanje ngo bashyire hamwe n'abahutu, bashyire hamwe ukwabo, abahutu n'abatutsi ntaho bazapfa bahuriye; bamwe bakwigumira mu ndwano hagati yabo mpaka.

Ngibyo ibyo ba KAREMERA, ba NYIMBUZI, ba KAMEYA, ba MUSANGAMFURA n'abandi bahoye GAPYISI, none ngo na KARAMIRA usaba interahamwe, impuzamugambi n'impirimbanyi kureka kwirirwa bahigana ngo aciye inka amabere? Ni ukuvuga ko iyo bariya bahutu bicana haba hari abo bishimishije. Ni ba nde? Ngo cyera MDR PARMEHUTU yatoteje andi mashyaka ngo TWAGIRMAUNGU yazize ko yabivuze?

KAREMERA nareke kubeshya abahinzi borozi. Icyo TWAGIRAMUNGU yazize nawe azi neza ko ari ukunyona imyanya y'ishyaka, kwikuza n'ibindi. Naho kunenga PARMEHUTU TWAGIRAMUNGU yagombaga kubirekera abarunari akemera ko kuba umuparimehutu bivuga umunyakuri, umunyamurava, n'intwari, bitaba ibyo akareka ababyemera bakabyemera, kuko niyo so yaba yarakosheje uramutse wemera ko ari so, si wowe wajya kumwanika ku gasozi. MDR rero yanze kugumya kuyoborwa n'injajwa.

**NSENGIYAREMYE batangiye kumugarukira.**

Barabwejaguye, baramutuka, baramubeshera, baramwandavuza bagamije kumuhirika ngo bimike TWAGIRMAUNGU, none ngo NSENGIYAREMYE yari umuntu mwiza. Biratangaje kubona KAREMERA yandika ngo ba KARAMIRA baba bifuza ko NSENGIYAREMYE ahera i Shyanga mu gihe bamuvuganiraga bo bari kwa TWAGIRAMUNGU mu gucura imigambi yo kumuhirika, kugeza naho bapfukamira ikinani ngo kimubafashe.

Kwanga umuntu kugeza aho mumushinja ubujura bw'ibiryo, mwarangiza ngo noneho muramugarukiye. ubu se koko uwakurikira icyo KAREMERA yashinjaga NSENGIYAREMYE mu manama yajyaga akoresha muri za baobab yamamaza Faustin mbere y'amatora ya Perezida wa MDR muri Kanama 1992 yasanga atari ngo ibitekerezo, ngo bishaje bya PARMEHUTU! Icyakora twe niko yatubwiye.

NSENGIYAREMYE rero nta cyaha afitiye ishyaka rye MDR. Iriya mvugo ye muri kongere ntabwo itunganye kuko yibagiwe ko MDR-PARMEHUTU yabyukijwe ikavugururwa. Ashobora kandi kuba afite uko yabisobanurira impirimbanhi zikabyumva, ariko si cyo yapfa na zo. Zimubonamo umugabo. Umugabo ushyira mu gaciro, uzi ubwenge, kandi w'umunyakuri.

None se ubu KAREMERA arashaka kuvuga ko amukunze kurusha ba KARAMIRA na MUREGO? KAREMERA yari akwiye kwamamaza umunyoni yashyigikiye kera kose, ariko akareka gutakana NSENGIYAREMYE no gushaka kujyana imbaga y'abahinzi-borozi mu nyuma za TWAGIRAMUNGU urimo ukora kibandi. Ntitwarangiza tudatsindagirije aya magambo yo mu itangazo n° 62 (KIGALI-VILLE) aho rigira riti:

**Turashaka ubwiyunge bw'abahutu: ntibyumvikana ukuntu umuhutu wo muri MDR yahora ashyamiranye n'uwo muri MRND cyangwa CDR barwana, bicana hanyuma abategetsi n'abanyapolitiki bakirirwa bigisha ngo nitwiyunge n'inkotanyi z'abatutsi.**

Ubu se amagambo nk'aya aho atarimo ukuri ni he? Gushaka ko abantu bo mu bwoko bumwe bahora batemagurana, dusanga harimo amayeri yo kugirango abandi babafatire aho. Niba rero abahutu barasanze ubumwe bwabo ari ngombwa, byaba ari mahire. Ese iyo MDR, CDR na MDR bidakocagurana, simbona wagirango mu Rwanda amahoro yaje byarangiye. Bashatse bareka gupfa ubusa.

O Nt B

****

# Abasenyeri bo mu Rwanda nibatitonda ikibazo cya MDR na TWAGIRAMUNGU kirabambika ubusa

C.F.R.C. B.P. 1313 - Kigali RWANDA ... DE RECHERCHE ... COOP.

Guhera ku ya 26 kugera ku ya 30 ugushyingo 1993 i Mombassa muri Kenya habaye inama yateguwe n'Ishyirahamwe rya za kiriziya zo muri Afurika(**CETA**),ka kanama bita **Comité de contacts** k'abagatorika, abaporoso n'abadiventisiti b'umunsi wa karindwi mu Rwanda.




Nkuko twabibonye rero mu itangazo ryashyizweho umukono n'abasenyeri bo mu Rwanda, NSENGIYUMVA Thaddée, Aaron RUHUMURIZA, Onesphore RWAJE, Thaddée NTIHINYURWA, Augustin MISAGO na Pasteur TWAGIRAYESU, abo banyamadini bo mu Rwanda bashobora kuba barashatse gushyira Dr.NSENGIYAREMYE mu Ishyirahamwe ry'abashimusi b'ubutegetsi, nkuko iryo tangazo ryashyizweho umukono na TWAGIRAMUNGU na NSENGIYAREMYE ribigaragaza.

Ryarimo ibigambo bivuye kwa TWAGIRAMUNGU ku buryo umuntu yagira ngo NSENGIYAREMYE yarisinye bamuboshye. Ngo bashyigikiye **Parti MDR Rénové** mu gihe Impirimbanyi zo zizi ko ziri muri MDR **PARMEHUTU Rénové** ikaba MDR nkuko byanditse mu ngingo ya mbere ya **statuts** zigenga Ishyaka MDR. Ngo ntibashaka kumva MDR **power** nkaho bayobewe **slogan** icyo ari cyo.

Ba musenyeri rero ubwo basize mu madini yabo bicika.Mu madini menshi basigaye bagera aho gufatana mu mashingu no gutukana nk'abashumba; maze bati tujye gukiranura ibya MDR. Ikindi kiboneka ni uko babonaga neza ko ibyo bintu basinyishije NSENGIYAREMYE ari ukumuroha no gutera ikindi cyuho muri MDR.

Babikoze kandi bujura ku buryo NKEZABERA Vianney, wari i Mombassa nawe atarabutswe. Nacyo ni ikimenyetso . Ubwo TWAGIRAMUNGU we yaje agurukana icyo gipapuro ngo NSENGIYAREMIYE abaye ijyogi maze si uguca igikuba amajyogi arasara. Ngo ndetse NSENGIYAREMYE azaba na minisitiri muri guverinoma y'abanyoni.

Ku wa kane rero tariki ya 2/12/93 NSENGIYAREMYE yagiye muri **Bureau politique**, amaze kwereka abaJDR ko adashobora kurwanya **power,** yasobanuriye Impirimbanyi zigize **Bureau politique** ko icyo gipapuro yagisinye ngo kibe urufunguzo rw'imishyikirano abo basenyeri bavugirizaga induru ngo niwe ubyica kuko ataboneka.

Ku wa gatanu tariki ya 3 imishyikirano yarabaye, ku ruhande rwa MDR hari NSENGIYAREMYE, MUREGO, BICAMUMPAKA, NKEZABERA, SHINGIRO na MUNYANDEKWE. Abasenyeri na Pasteur batangajwe n'agasuzuguro n'ibigambo bya TWAGIRAMUNGU. Ngo ntawe bavugana atari muri Comité nyobozi ya MDR. Bati: hano turareshya kuko twese turi intumwa za **Bureau politique.** Ati: noneho nanjye nzane abanyunganira. Asiga abatendetse ajya guhuruza Agata, MBONIMPA, Gasana na NTAKIRUTIMANA.

Icyo byamumariye ni uko abasenyeri bamubwiye bati: noneho emera ube Minisitiri w'intebe, ibindi ubihe ishyaka. Bakamureba (ba Agata) ikijisho ati: ndakabagwa. Abasenyeri bati: reka hongere hatumirwe kongere, icyo izemeza uzemere icyo. Ati: jyewe ndi mu masezerano y'Arusha no mu itegekonshinga, ati: sinshaka undi unjyana mu bindi. Ati: nzi ko bashyuhije imitwe y'abakongeresisite.

Umusenyeri umwe ati: ibyo byose byakozwe n'abantu, dusanze nta kuri kurimo twasaba bakabisubiramo,

suite p 8